Nshuti za AISD,

Ndabashimira ko mukomeje kuba maso mubikorwa byanyu byo kugabanya ikwirakwizwa rya COVID-19 kugirango tumenye ko Austin ISD n’abaturage bacu benshi bafite umutekano n’ubuzima bwiza.

Mugihe twese dushobora kuba tumarana umwanya munini murugo, har’ikintu kimwe twese dushobora gukora kurubu kizagira ingaruka nziza mumyigire n'imibereho myiza yabanyeshuri, nimiryango yacu mumyaka icumi iri imbere: kuzuza Ibarura rusange rya 2020 (https://my2020census.gov/). Gukora ibi, shakisha ibaruwa wohererejwe muri posita y'ibarura rusange, ikubiyemo nimero yawe hamwe nandi mabwiriza yo kuzuza kurubuga rwa interineti.

Ndabizi ko imiryango myinshi, abakozi ndetse nabaturanyi bacu bagowe no kumenyera kwitoza uburyo bushya bwo kubaho dusabwa. Ndabizi kandi ndashimira abantu bose bafite ubushake bwo gufashanya nubwo dufite imbogamizi zo kwitoza kutaba mukivunge.

Mu kuzuza ibarura rusange rya 2020, bikumenyeshako ko uba ukoze uruhare rwawe kugirango miliyari y'amadolari ya leta ajye gufasha abaturage bayakeneye. Rirongera kandi rikemeza ko abaturage bacu baserukirwa muburyo buhagije. Kuzuza Ibarura kandi byigisha abanyeshuri bacu isomo ryingenzi mu nshingano zabaturage kandi rikabategurira kuzitabira ejo hazaza.

Ibarura nibutsa cyane ko twese duhujwe. Mbanje kubashimira ko mwiyemeje kurangiza ibarura rusange no gushishikariza abandi kubikora. Nzi neza ko turi mubihe bidasanzwe kandi twese tubyakira muburyo butandukanye.

Nyamuneka umenye ko turi hano kubwanyu n'imiryango yanyu.

Ubufuriz’amahoro,

Paul Cruz, P.h.D.
Umunyamabanga mukuru w’amashuri yakarere

**Ese ibarura ni iki, kuber’ikise kubarwa ar’ibyingenzi?**

Rimwe mu myaka 10, umuntu wese uba muri Amerika - atitaye ku nkomoko ye cyangwa ikimuranga -asabwa kuzuza ibarura rusange. Iki nicyo gisabwa n’Itegeko Nshinga rya Leta zunze ubumwe z’Amerika hagamijwe gutanga umubare nyawo w’abantu bose baba mu gihugu. Iyo turyujuje, tuba dufashije kuzana amafaranga kumashuri yacu, mubuvuzi, mumasomero, imihanda hamwe nibindi. Dufasha kandi kuzana abahagarariye politiki mu baturage bacu kuko imirongo ya politiki igenewe Kongere, imyanya y’inteko nshing’amategeko, ndetse n’abagize inama y’ishuri, ishingiye ku mibare y'ibarura.

**Kuzuza ibarura rusange har'umutekano wab'urimo?**

Ni ngombwa kumenya ko ibisubizo byawe mwibarura rusange byihariye, kirinzwe kandi ar'ibanga. Amakuru yawe akoreshwa mugutanga imibare itagir'amazina gusa, kandi NTIBISHOBORA kuyisangira na banyir'amazu, abashinzwe abinjira n'abasohoka cyangwa izindi nzego zarizo zose.

**Ni uruhe ruhare AISD ifite mukumenya ko abantu bose babarurwa?**

AISD ikorana n'umujyi, intara n'abafatanyabikorwa badaharanira inyungu muri Texas yo hagati, kumenya neza ko abantu bose babaruwe. Noneho akazi kacu kagomba gushing'imizi muburinganire, gufashanya hamwe munshingano rusange. Muri ibi bihe bidasanzwe. Turashimira byimazeyo imiryango n'abafatanyabikorwa kubw'umurava n'ubutwari mwagaragaje mukugera kumiryango myinshi, mukubizeza ko batabarurwa kubw'umutekano gusa, ahubwo ari munyungu za buriwese.